

Dukunde gusoma

Inkuru ya 23 na 24



Icapwa rya kabiri

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, babyeyi,

Aka gatabo karimo udukuru tugufi abanyeshuri bisomera. Utwo dukuru twanditswe kugira ngo dufashe abanyeshuri kwisomera ubwabo hakiri kare no gushyira mu bikorwa ibyo bize mu ishuri. Utu dutabo tuzafasha cyane abanyeshuri biga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza.

Utwo dukuru twanditswe bwa mbere na REB, turi mu dutabo 12. Buri gatabo karimo udukuru tubiri tujyanye n'inyuguti zizwe. Buri gakuru kajyanye n'inyuguti cyangwa igihekane gishya kizwe. Iyo umwarimu yigishije inyuguti nshya, abanyeshuri baba bakeneye gusoma amagambo menshi arimo iyo nyuguti.

Abanyeshuri ntibagomba gutegereza gusoma utu dutabo ari uko bize inyuguti cyangwa ibihekane byose kubera ko inkuru zanditsemo zirimo inyuguti bize gusa. Ni yo mpamvu, iyo abanyeshuri bamaze kwiga urugero inyuguti ya R, bashobora gutangira gusoma amagambo yoroshye nka 'ururo' cyangwa 'ararira'. Agatabo ka mbere karimo amagambo nk'ayo gusa ku buryo bifasha abana gutangira gusoma hakiri kare.


Shishikariza abanyeshuri gutira utu dutabo mu isomero ry'ishuri kandi badutahane mu rugo, badusome ku giti cyabo cyangwa badusomere abo babana. Babaze ibibazo bibafasha kumva ibyo basomye. Bashishikarize kandi gufata neza utu dutabo.

Umuyobozi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze.


Inkuru ya 23

Amashu ya Semugeshi





Semugeshi yateye amashu mu gishanga.




Amashu akura neza arashisha.




Abanyeshuri bahanyura
bakayishimira.



Muri abo bana hakabamo
umunyeshuri ukubagana.
Mu gitondo yahanyura
akayashotora.



Amashu yigira inama yo
kumufata.



Amashu atega umushibuka mu murima.



Umunyeshuri agaruka kuyashotora.
Ahageze umushibuka uhita
umushibukana.



Amashu abimenyeshwa Semugeshi.
Semugeshi ahageze aratangara!



Amukura mu mushibuka.



Umunyeshuri yiyemeza kureka
ubushotoranyi.

Amashu ya Semugeshi

Amagambo y'ingenzi

abimenyeshya	igishanga
umushibuka	akayashotora
abanyeshuri	arashisha
umushibukana	amashu
bakayishimira	

Umubyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubana n'umunyeshuri, asabwa kumufasha gukora umukoro wo gusoma agakuru no gusubiza ibibazo bijyanye na ko.

Ibibazo byo kumva agakuru

1. Amashu ya Semugeshi ateye he?
2. Umunyeshuri ukubagana yagize ate amashu ya Semugeshi?
3. Amashu yigiriye iyihe nama?

Inkuru ya 24

Imbeba Kwikwisi mu mikino





Kwikwisi yari imbeba icumbagira.



Bukeye imbata zitegura umukino
wo kwiruka.

Kwikwisi ishaka kuba iya mbere.



Imbeba zandikwa amazina.
Imbeba zambara udukweto.



Kwikwisi ifata imbago.



Imbeba zinyanyagira umuhanda.
Kwikwisi izinyuramo ishishikaye.



Kwikwisi iratamba itangira
kwikanda.



Imbeba zose zinyura kuri Kwikwisi.
Imbeba zitangira kwirara.



Kwikwisi ikwikira imbago
irasimbuka.

Kwikwisi ica mu irembo yegukana
ibihembo.



Imbata zambika Kwikwisi umudari.



Imbeba zose zishimira kuririmira
Kwikwisi.

Imbeba Kwikwisi mu mikino

Amagambo y'ingenzi

imbeba	imbata
zandikwa	mbere
kwikanda	imbago
kwiruka	kuririmbira
zambara	

Umubyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubana n'umunyeshuri, asabwa kumufasha gukora umukoro wo gusoma agakuru no gusubiza ibibazo bijyanye na ko.

Ibibazo byo kumva agakuru

1. Ni bande bateguye umukino wo kwiruka?
2. Imbeba zambaye udukweto, Kwikwisi yafashe iki?
3. Ni bande baririmbiye Kwikwisi?

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.


Abanyeshuri bashobora gusoma

Amashu ya Semugeshi



Nyuma yo kwiga
igihekane **sh/Sh**

Imbeba Kwikwisi mu mikino



Nyuma yo kwiga ibihekane
kw/Kw na **mb/Mb**

Udukuru dukubiye muri aka agatabo turimo amagambo agizwe gusa n'inyuguti abanyeshuri bamaze kwiga. Abanyeshuri bashobora kwisomera utu dukuru bo ubwabo nyuma yo kwiga inyuguti zigaragara hejuru. Kubera ko hari igitabo gisanzwe cy'umunyeshuri, aka gatabo gakubiyemo ubwoko bw'udukuru tw'inyongera umunyeshuri azajya asoma ku giti ke kugira ngo akomeze akore indi myitozo yo kwimenyereza gusoma inyuguti yize. Umubyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubana n'umunyeshuri asabwe kujya afasha umunyeshuri gusoma agakuru no kumubaza ibibazo bijyanye na ko byateganijwe.